**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA KOMITE TEKINIKI ITEGURA IBARURA RY'ABAZIZE ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA RYO KU YA 01/10/1990 - 31/12/1994.**

Inama yabereye mu cyumba cya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, taliki ya 10 Ukuboza 1999 ihuje abagize Komite Tekiniki y'icyo gikorwa cy'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba.

Inama yatangiye saa yine n'igice, irangira saa munani n'iminota mirongo ine n'itanu (10h30' - 14h45'). Yari iyobowe na Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène Umuyobozi wa Komite Tekiniki ishinzwe icyogikorwa cy'ibarura.

Abari mu nama ni aba bakurikira :

| | | |
|---|---|---|
| 1. RUGEMINTWAZA | Népomuscène | MINALOC |
| 2. KATANGULIA | François | ONAPO |
| 3. NKAKA | Raphaël | UNR |
| 4. GAFISHI | Philippe | MINECOFIN |
| 5. RUKAMIRWA | Moïse | MIGEPROF |
| 6. MUHOZA | Christophe | ~~MINIJUST~~ MIJESPOC ✓ |

Abataje mu nama ni :

1. Umukozi wa MININTER
2. Umukozi wa MINADEF

## I. GAHUNDA Y'INAMA.

1. Kwemeza gahunda y'ibikorwa (Calendrier d'activités)
2. Guhitamo amakomini azageragerezwamo ibibazo no kwigabanya imirimo muri ayo makomini ku bari mu nama.
3. Kuvuga ku ngengo y'imari (budget).
4. Guhitamo umukozi ushinzwe ishyinguranyandiko (archiviste) n'umukozi ushinzwe ubunyamabanga n'ibaruramari (Secrétaire-Comptable).
5. Kwemeza ahazagurirwa ibikoresho bikenewe (Achat d'équipement fongible).
6. Gukora inyandiko yerekana uko ibarura rizagenda n'amabwiriza arigenga.

## II. UKO INAMA YAGENZE.

Buri ngingo yagiye ivugwaho birambuye, abari mu nama bagera ku myanzuro ikurikira:

## 1. KWEMEZA GAHUNDA Y'IBIKORWA (Calendrier d'activités).

Abari mu nama basesenguye ingengabihe y'ibikorwa bari bagejejweho n'abari babishinzwe mu nama y'ubushize, nibwo bemeje amataliki n'ibikorwa kuri ubu buryo:

Taliki ya 14/12/1999 : - Kunononsora inyandiko igenga ibarura
- Kwemeza umishinga w'amabwiriza y'ibarura

Taliki ya 15/12/1999 : Inama na ba Perefe, Abanyamakuru, Abakuru b'Ingabo na Jandarumeri, izabera mu cyumba cy'inama cya MIGEPROF iyobowe na MINALOC.

Taliki ya 16/12/1999 : - Gusobanurira ba Burugumesitiri na ba Superefe iby'ibarura i Gishari.
- Gukangurira ba Burugumesitiri na ba Superefe gutekereza abazabarura abo aribo (recrutement des agents recenseurs).

Taliki ya 13-19/12/1999 : Kwegeranya ibyangombwa byose bikenewe bizakoreshwa mugihe cy'igerageza ry'ibibazo (préparation).

Taliki ya 20/12/1999 : Guhitamo abazakora ibarura mu makomini yajonjowe (recrutement).

Taliki ya 21/12/1999 : Amahugurwa y'abazabarura (formation)

Taliki ya 22-29/12/1999 : Ibarura

Taliki ya 30/12/1999 : Kwegeranya impapuro z'ibibazo by'igerageza (collecte des données du pré-test)

Taliki ya 3/01/1999 : Inama yo gushyira hamwe ibyavuye mu bibazo by'igerageza (Réunion de mise en commun)

Taliki ya 10/1 - 11/01/2000 : Ihugurwa rya mbere rigenewe abagenzuzi b'ibarura muri Perefegitura.

Taliki ya 14 - 15/01/2000 : Ihugurwa ryo mu rwego rwa kabiri rigenewe abagenzuzi b'ibarura muri Komini

Taliki ya 17-20/01/2000 : - Inama mu masegiteri na Selire, zisobanurira abaturage intego n'akamaro k'ibarura.
- Izayoborwa na Burugumesitiri n'abagize za komite nyobozi za Segiteri.

Taliki ya 18-19/01/2000 : Ihugurwa ryo mu rwego rwa gatatu rigenewe abazabarura muri Segiteri, rizabera muri buri Komini.

Taliki ya 19/01/2000 : Ikiganiro kuri Radiyo na Televisiyo gikangurira abanyarwanda kwitabira imirimo y'ibarura.

Taliki ya 21-23/01/2000 : Inama njyanama za Selire

Taliki ya 23/01/2000 : Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu azakoresha ikiganiro ku ibarura kuri Radiyo na Televiziyo

Taliki ya 24/1-24/2/2000 : Ihugurwa ry'abazakoranyiriza muri computers ibisubizo by'ibarura.(formation des agents de saisis par un informaticien)

Taliki ya 24/1-04/2/2000 : IBARURA

Taliki ya 1/2-10/3/2000 : Gukoraniriza muri computers ibisubizo by'ibarura (saisie des données)

Taliki ya 11/3-20/3/2000 : gusesengura ibisubizo by'ibarura (traitement des données).

Taliki ya 31/3/2000 : Inama yo gusuzuma aho imirimo y'ibarura igereye no kwerekana umurongo raporo y'ibarura izakurikiza.

Taliki ya 1-7/4/2000 : Gusohora raporo ya mbere.

## 2. GUHITAMO AMAKOMINI AZAGERAGEREZWAHO IBIBAZO NO KWIGABANYA IMIRIMO.

Abari mu nama bumvikanye kuri iyi ngingo ibi bikurikira.

| Komini za toranijwe | Perefegitura | Impamvu | Abashinzwe ibarura mu igerageza ry'ibibazo |
|---|---|---|---|
| 1. RUHASHYA | BUTARE | - Haguye abantu benshi harimo n'abari bahahungiye bava ahandi.<br>- Abaturage baho bavugisha ukuri (pas de réticence) | 1. Christophe MUHOZA<br>2. Emilienne KABEGA |
| 2. NYAKINAMA | RUHENGERI | Abantu baho barapfuye kandi abaturage baho nti bakunda gutanga ibisobanuro | 1. Moïse RUKAMIKWA<br>2. Népo RUGEMINTWAZA |
| 3. MURAMBI | ~~BYUMBA~~ Umutara | Haboneka ibisobanuro bihagije, Burugumesitiri waho arazwi ko yitabiriye ubwicanyi, hapfuye abantu benshi kuva kera kandi batanga ibisobanuro bitagoranye | 1. GAFISHI Philippe<br>2. MINADEF cyangwa MININTER |
| 4. KAMEMBE | CYANGUGU | Ni Komini y'umujyi kandi yarimo "opération turquoise" | 1. KATANGULIA François<br>2. NKAKA Raphaël |

## 3.INGENGO Y'IMARI (Budget)

Humvikanyweho ko iyo ngengo ishobora guhinduka (kongerwa) bitewe n'ibibazo byavuka, hari bimwe byanahinduwe, ibindi byongerwamo bitewe n'igihe cy'igerageza ry'ibibazo (pré-test) nacyo cyiyongereye kuri gahunda yari isanzwe.

**Ingero z'ibyiyongereyeho:**

1. Icyiswe "Prime de fonction" cyasobanuwe kuburyo bukurikira:

- Iki gikorwa cyizafata igihe gito ugereranije n'igihe cyangombwa andi mabarura atwara. Rero birasaba Komite Tekiniki gukoresha imbaraga nyinshi ndetse na nyuma y'amasaha y'akazi. (c'est un travail serré qui exige beaucoup de temps et d'énergie).

2. Amafaranga y'itumanaho.

* Basanze ko uwitwa NKAKA Raphaël akeneye amafaranga yihariye (urugendo, icumbi) kubera ko ava kure (BUTARE). Ayo ariko hemejwe ko azava muri ariya ya "Imprévus".

Inyandiko ya nyuma ikosoye y'ingengo y'imari igomba gutangwa n'abari bashinzwe icyo gikorwa.

## 4. GUHITAMO UMUKOZI USHINZWE ISHYINGURANYANDIKO (Archiviste) N'UMUKOZI USHINZWE UBUNYAMABANGA N'IBARURAMALI (Secrétaire - Comptable).

Abari mu nama bumvikanye ko bagomba kubashakisha bikazagarukwaho mu nama yo ku wa 14/12/1999.

## 5. KWEMEZA AHAZAGURIRWA IBIKORESHO BIKENWE.

Basanze ko kubera igikorwa cy'igerageza ry'ibibazo by'ibarura cyihutirwa, bitari ngombwa kunyura muri "TENDER BOARD", bemeza ko kandi muri icyo gikorwa hazakoreshwa impapuro zisanzwe aho gukuresha izindi zihenze.

## 6. GUKORA INYANDIKO YEREKANA UKO IBARURA RIZAGENDA N'AMABWIRIZA ARIGENGA.

Basanze ari ngombwa kuzabyemeza mu nama itaha (le 14/12/1999). Hagati aho ariko bigomba kuba byanditse, bigahabwa abagize Komite Tekiniki, hanyuma bakemeza inyandiko ya nyuma.

**Icyitonderwa**

- *KATANGULIA* na *GAFISHI* basabwe gutunganya neza imirimo y'igerageza ry'ibibazo by'ibarura (Pré-test) kuko basanzwe bamenyereye iyo mirimo.
- Komite Tekiniki igomba kumva kandi ikanasobanukirwa neza imirimo y'ibarura kuko nibo bashinzwe imitunganire yaryo.
- *RUGEMINTWAZA* umuyobozi wa Komite Tekiniki yemeye ko amafaranga yogutegura ibijyanye n'ibarura agomba kubonekera igihe.
- Igikorwa cy'ibarura kireba mbere na mbere buri muyobozi ku rwego rwe (Préfet, Burugumesitiri na Conseiller), abagize Komite Tekiniki bo bazajya bakora nk'abajyanama b'ibarura.
- Gushakisha "Ordinateurs 20" zikomeye zizakoreshwa muri icyo gikorwa byashinzwe *Dr BUCAGU, Dr RWAMASIRABO* na Bwana *MUSONI*, bazanavuga icyumba kizakoresherezwamo ayo mamashini.
- Humvikanyweho ko iki gikorwa cyakwitwa **"IBARURA"** mu kinyarwanda, **"DENOMBREMENT DES VICTIMES DU GENOCIDE** " mu gifaransa na " **IDENTIFICATION**" mu cyongereza. Ibyo bizaba bikuyeho ijambo **"RECENSEMENT"** rikunze kuzana ikibazo cy'umuco na Politiki.
- Ni Komite Tekiniki igomba kwerekana neza amamodoka ikeneye mu mirimo y'ibarura kugirango ashakwe hakiri kare.

Inama yarangiye saa munani n'iminota mirongo ine n'itanu (14h45'). Indi izaba ku wa kabiri taliki ya 14 Ukuboza 1999.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10/12/1999

**Umuyobozi w'inama** :
RUGEMINTWA Népomuscène

**Umwanditsi w'inama :**
KABEGA Emilienne.
Kabega

**INYANDIKO-MVUGO YA KOMITE TEKINIKI ITEGURA IBARURA RY'ABAZIZE ITSIMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA RYO KU ITARIKI YA 01/10/1990 –31/12/1994**

Nkuko byemejwe mu nama yo ko itariki ya 01/12/1999, ko buri wa kabiri n'uwa gatatu w'icyumweru, Komite Tekiniki ishinzwe ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba, izajya iterana kugirango yungurane ibitekerezo kuri icyo gikorwa cy'ibarura.

Ni muri urwo rwego, tariki ya 14/12/1999, mu biro bya Perezida wa Komite Tekiniki ishinzwe igikorwa cy'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba, Bwana RUGEMINTWAZA Népo, biri muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, habereye inama y'iyo Komite.

Abari mu nama :(reba ku mugereka)

I. **Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira** :

1. Kumenya icyo MINECOFIN yavuze ku ngengo y'imari iteganywa mu gikorwa cy'ibarura ;
2. Gusuzuma no kwemeza ingengabihe izakurikizwa mu gikorwa cy'ibarura ;
3. Kwemeza ibizagezwa kuri ba Perefe, Superefe, na ba Burugumesitiri ku gikorwa cy'ibarura ;
4. Utuntu n'utundi.

II. **Uko inama yagenze**

Komite Tekiniki y'ibarura imaze gusuzuma ingingo ku yindi yemeje ibi bikurikira :

- Ku ngingo ya mbere :
- Ingengo y'imari y'ibarura yateguwe ntacyo MINECOFIN yayinenzeho, yemejwe uko iri, gusa amafaranga niyo atari yaboneka ;
- MINALOC yasabwe gukurikirana ayo mafaranga muri MINECOFIN, kugirango icyo gikorwa cy'ibarura gitangire.
- Ku birebana no gusaba konti y'umushinga w'ibarura, ibaruwa isaba konti yageze muri BNR ku wa gatatu tariki ya 8/12/1999.
- Perezida wa Komite Tekiniki Bwana RUGEMINTWAZA Népo, washinzwe kubonana n'umuyobozi w'ikigega, yavuze ko babonanye akamubwira ko ikigega gishyigikiye cyane abacitse ku icumu, ko nihaboneka amikoro bazashyigikira icyo gikorwa cy'ibarura.

- Ku ngingo ya kabiri :
- Nkuko byari byemejwe mu nama ya Komite Tekiniki yo ku itariki ya 10/12/1999, ko itariki ya 15/12/1999, MINALOC izakorana inama na ba Perefe, Abakuru b'Ingabo, Jandarumori n'Abanyamakuru, kugirango bungurane ibitekerezo ku gikorwa cy'ibarura, banasobanurirwe uruhare n'inshingano zabo muri icyo gikorwa cy'ibarura.

- Mu nama yo ku itariki ya14/12/1999, byagaragaye ko iyo nama itakibaye, kubera ko kuri iyo tariki ya 15/12/1999, ba Perefe bose bari batumiwe mu nama ya gacaca muri MINIJUST i Kigali. Kugirango icyo gikorwa kidakererwa, Komite Tekiniki yasabye Perezida wayo Bwana RUGEMINTWAZA Népo, kuyitumikira akajya muri iyo nama ya

gacaca kuganira n'aba Perefe kuri icyo gikorwa ; mbere yo kucyiganira na ba Superefe na ba Burugumesitiri bari mu ngando i Gishari, ku itariki ya 16/12/1999.

- Komite Tekiniki kandi yasanze ari ngombwa kujya igeza raporo yanditse buri gihe kuri Perezida wa Komite y'urwego rw'igihugu rushinzwe ibarura na igaha kopi ba Minisitiri bafite uruhare muri iki gikorwa.

- Kubirebana n'ingengabihe, yemejwe nkuko yateguwe.

- Ku ngingo ya gatatu

Komite Tekiniki imaze gusuzuma iyi ngingo yasanze, abayigize bose bajya i Gishari tariki ya 16/12/1999 gusobanurira ba Superefe na ba Burugumesitiri bari mu ngando iby'igikorwa cy'ibarura, bitwaje inyandiko zikurikira :

- Ingengabihe y'icyo gikorwa cy'ibarura ;
- Inyandiko y'amabwiriza agenga ibarura n'inyandiko fatizo isobanura umushinga w'ibarura, kugirango bumve neza intego z'icyo gikorwa, uruhare bazagira n'inshingano zabo muri icyo gikorwa.

- Ku ngingo ya kane

- Komite Tekiniki yemeje ko mbere yo gutanga inyandiko irebana n'igikorwa cy'ibarura ko yajya ibanza gusuzumwa n'ubuyobozi bwa MINALOC.
- Komite Tekiniki yifuje ko yahabwa icyemezo gishyizweho umukono na MINALOC gihamya ko ari yo ishinzwe ibarura ;
- Ku bagenzuzi, icyo cyemezo kigatangwa na ba Perefe.

Inama yari yatangiye saa 10h 45' yashoje imirimo yayo saa 12h 22'.

Bikorewe i Kigali, ku wa 15/12/1999.

**UMWANDITSI W'INAMA**
UKAMIRWA Moïse

**UMUYOBOZI W'INAMA**
RUGEMINTWAZA Népomuscène

## ABARI MU NAMA YO KU WA 14/12/1999

1. RUGEMINTWAZA Népomuscène : MINALOC
2. RUKAMIRWA Moïse : MIGEPROFE
3. GAFISHI Philippe : MINECOFIN
4. GATANGULIA François : ONAPO
5. NKAKA Raphaël : UNR
6. MUHOZA Christophe : MIJESPOC
7. KABEGA Emienne : ONAPO
8. UWIMBABAZI Clémentine : MINALOC